# **Maneko za Kagame zibye telephone ya Madame Ingabire Victoire, Perezida wa FDU-Inkingi.**



Amakuru ava ahantu hizewe neza yemeza ko Madame Victoire Ingabire Perezida w'ishyaka rya FDU- Inkingi yibwe telefone na maneko za Kagame.
Ku itariki ya 24 Nzeri Madame Ingabire yagiye gusura zimwe mu fungwa za politiki zifungiye muri gereza ya Kigali izwi ku izina rya 1930. Mu gihe aparitse imodoka kuri iyo gereza, asizemo umubitsi w'ishyaka rye bari bari kumwe, Alice MUHIRWA, izo za maneko zabashije kujijisha Madame Alice zimuvugisha ariko nako undi yakinguraga imodoka agakuramo isakoshi yo mu ntoki ya Madame Ingabire yari mu modoka, akuramo telefone arangije arigendera.

Icyaje gutangaza n'uko batwaye telephone gusa, ibindi byari birimo byose bakabireka; ibi birerekana ko bari bafite umugambi wo gutwara telefone.
Leta ya Kagame ikaba imaze kumenyekana nka Leta ikoresha maneko cyane mu rwego rwo kuneka buri wese utavuga rumwe nayo. Bumwe mu buryo bakoresha cyane akaba ari kureba abo abantu bavugana cyane cyangwa abo afite muri telefone. Ubu buryo bwa telefone bukoreshwa inshuro nyinshi cyane, kuburyo benshi baziranye cyangwa bavugana n'abantu bita abanzi babo ( abatavugarumwe na FPR), bakomeje kuharenganira.

Kubera rero ibi bisanzwe bikorwa cyane na FPR, bikaba bitashidikanywaho ko iyi telefone ya Madame Ingabire yibwe mu rwego rwo kuneka abavugana nawe, hagamijwe kureba abo akorana nabo .
Twabibutsa ko Ingabire kuva yaza gukora politiki mu Rwanda yahuye n'ikibazo cy'ihohoterwa ku buryo butandukanye, ndetse akaza kugeraho afungwa ashinjwa ibyaha bitandukanye bigamije kumubuza uburenganzira bwo kwandikisha ishyaka rye kugirango atazagira uruhare mu matora ya Perezida wa Repubulika yabaye muri Kanama 2010.

Tukabamenyesha kandi ko kugeza ubu uyu Perezida wa FDU Inkingi afungiye mu Rwanda akaba adashobora gusohoka mu gihugu. Mu mezi make ashize akaba yarafatiwe ku kibuga cy'indege, i Kanombe akabuzwa kujya mu gihugu cy'Ubuholandi aho yari agiye gusura umuryango we.

Madame Alice Muhirwa, umubitsi w'ishyaka rya FDU Inkingi, nawe aherutse gufungurwa na Leta ya Kagame aho yari afunze azira gukora imyigaragambyo. Yarafunganye kandi na Me Ntaganda nawe bazira icyaha kimwe, ariko Me Ntaganda we akaba agifunze ndetse

yarongerewe ibindi byaha.
Alice kandi akaba ari umwe mu bategarugori bafunzwe azira kuba impirimbanyi ya Politiki mu Rwanda, bivugwa kandi ko yahohotewe kuburyo bw'indengakamere na Polisi y'igihugu, kuburyo ari mu rukiko yikubise hasi kubera uburwayi yakuye mu ifatwa rye no mu ifungwa.

**Charles I.**
charlesroi.roi05@gmail.com